Mu ijoro nazamuwe mu ijuru (Is'ra-i) nahuye na Ibrahim maze arambwira ati: Yewe Muhamad, uzansuhurize abayoboke bawe indamutso y'amahoro, unababwire ko ijuru ari ryiza, ubutaka bwaryo ari bwiza, amazi yaryo ari urubogobogo

Hadith yaturutse kwa Ibun Mas'ud (Imana imwishimire)_ yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu ijoro nazamuwe mu ijuru (Is'ra-i) nahuye na Ibrahim maze arambwira ati: Yewe Muhamad, uzansuhurize abayoboke bawe indamutso y'amahoro, unababwire ko ijuru ari ryiza, ubutaka bwaryo ari bwiza, amazi yaryo ari urubogobogo, kandi ko ijuru ari rigari riringaniye ritarimo ibiti, no kubiteramo ni ukuvuga aya magambo: SUBHANALLAH WAL HAMDULILLAH WALA ILAHA ILA LLAHU WALLAHU AKBARU: Ubutagatifu ni ubwa Allah, n'ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah, kandi nta yindi mana ikwiye kugaragirwa uretse Allah, Imana isumba byose."
[Hadithi nziza ushingiye ku bandi bayakiriye] [Yakiriwe na Tirmidhiy]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ko yahuye na Ibrahim umukunzi wa Allah, mu ijoro yazamuwe mu ijuru (Isra-i wal Mi'iradji), nuko arayibwira ati: Yewe Muhamadi ungereze indamutso y'amahoro ku bayoboke banjye, unababwire ko ijuru ari ryiza, ubutaka bwaryo ari bwiza, amazi yaryo ari urubogobogo atari urwunyunyu, kandi ko ijuru ari rigari riringaniye ritarimo ibiti, no kubiteramo ni ukuvuga aya magambo: SUBHANALLAH WAL HAMDULILLAH WALA ILAHA ILA LLAHU WALLAHU AKBARU: Ubutagatifu ni ubwa Allah, n'ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah, kandi nta yindi mana ikwiye kugaragirwa uretse Allah, Allah asumba byose. Buri uko umuyisilamu ayavuze ndetse akayasubiramo atererwa igiti mu ijuru.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3791